REPUBULIKA Y'U  RWANDA

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO MINISITIRI W'UBUTABERA AKABA N'INTUMWA NKURU YA LETA AZAVUGIRA i KARAMA MU KARERE KA HUYE TARIKI YA 21/06/2018

- ✓ Nyakubahwa Munyamabanga wa Leta Ushinzwe Itegeko Nshinga n'andi Mategeko;
- ✓ Nyakubahwa Madamu Umunyamabanga Uhoraho/Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije;
- ✓ Nyakubahwa Muyobozi  w'Akarere ka Huye;
- ✓ Nyakubahwa Intumwa ihagarariye CNLG;
- ✓ Ba Nyakubahwa mwese muri hano mu byubahiro byanyu;
- ✓ Bakozi ba Minisiteri y'Ubutabera bagenzi banjye;
- ✓ Baturage b'Akarere  ka Huye;

Ndabasuhuje mugire amahoro.

Ntabwo twabashije kuza kwifatanya namwe ku italiki 21/04 umunsi mwibukiraho by'umwihariko abanyu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri uyu Murenge wa Karama, ariko twakomeje kwifuza no kuzirikana kuza gusura uru Rwibutso tunaha icyubahiro  abararuhukiye. Ni muri urwo rwego nk'Abakozi ba Minisiteri

y'Ubutabera twaje hano gukomeza gufatanya namwe guha icyubahiro abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ariko cyane cyane kwigira ku butwari no gushyira hamwe byaranze Abatutsi bari bahungiye hano.

Iki gihe cyo kwibuka abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi kimara iminsi 100 uhereye taliki ya 07 Mata buri mwaka, kigakurikirwa n'umunsi twizihirizaho kwibohora tunibuka ihagarikwa rya Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu mpande zose z'Igihugu cyacu, kitwibutsa amateka ya Politiki y'imiyoborere mibi yasenye Igihugu cyacu kugeza kuri Jenoside yasenye Igihugu mu nzego zose, itwara inshuti zacu, abavandimwe n'abandi twakundaga barenga **miliyoni**. Kinatwibutsa kandi ubutwari bw'abana b'u Rwanda bemeye guhara ubuzima bwabo kugira ngo bahagarike Jenoside n'imiyoborere mibi yari yaraganje mu gihugu cyacu.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti" ***"Kwibuka Twiyubaka".*** Iyi nsanganyamatsiko irimo ubutumwa bukomeye buri wese agomba kuzirikana kandi butwibutsa aho Igihugu cyavuye n'aho kigeze ubu cyiyubaka mu nzego zose kandi Abanyarwanda twese tubigizemo uruhare.

Abambanjirije batubwiye amateka ababaje kandi ateye agahinda agaragaza ubukana Jenoside yakorewe Abatutsi yateguranywe ikanashyirwa mu bikorwa muri uyu murenge wa Karama. Banatubwiye ko aha turi haruhukiye imibiri iri hagati ya **70,000 na 75,000** y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi bari bahungiye hano bavuye mu duce dutandukanye bishwe babanje kwirwanaho mu buryo bashoboye bakoresheje inkoni n'amabuye gusa mu gihe ababarwanyaga bo bari bafite intwaro zikomeye zirimo imbunda, grenades n'izindi ndetse banashyigikiwe n'ubuyobozi. Ubutwari bw'abaguye n'abarokokeye hano i Karama tuzahora tubuzirikana.

Uburyo Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe ndetse igashyirwa mu bikorwa n'ubuyobozi bubi, kuba yarahagaritswe n'abana b'u Rwanda ndetse n'ibyo tumaze kugeraho mu gihe gito Jenoside ihagaritswe bikwiye guhora bitwibutsa ibi bikurikira:

- Gushyigikira ubuyobozi bwiza;
- Gushyigikira gahunda ya NDI UMUNYARWANDA
- Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside aho yaturuka hose;
- Kubungabunga ibyiza tumaze kugeraho;
- Kwibuka kandi twiyubaka no kwihesha agaciro;
- Kurangiza mu buryo bwose imanza z'imitungo zaciwe n'Inkiko Gacaca ;
- Gufata mu mugongo bagenzi bacu basizwe iheruheru na Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Kudaheranwa n'agahinda;
- Kuba ijisho rya bagenzi bacu;

Mu gihe twibuka abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, Abakozi ba Minisiteri y'Ubutabera kandi bafatanya n'abandi Banyarwanda mu kuremera abasizwe iheruheru na Jenoside yakorewe Abatustsi, bityo tukaba tuzafatanya n'Ubuyobozi bwa CNLG ndetse na IBUKA mu kureba umusanzu wacu muri iyo gahunda yo kuremera abarokotse Jenoside batishoboye hano I Karama .
Ndabifuriza gukomeza ubutwari kandi mbasaba kuzirikana ubutumwa n'ubuhamya byose byavugiwe aha, dukomeza "*Kwibuka Jenoside yakorewe Abatusi, Twiyubaka" kandi* dukomeza gufata bagenzi bacu mu mugongo muri ibi bihe bibagoye.

Mugire umunsi mwiza!